**INYANDIKO MVUGO Y'INAMA YO KU WA 31/07/2000, YAHUJE NYAKUBAHWA MINISITIRI W'URUBYIRUKO, SIPORO N'UMUCO, ABAYOBOZI B'IMIRIMO, ABAYOBOZI B'AMASHAMI N'ABAKURU B'IMISHINGA.**

Inama yatangiye i saa tatu n'igice, iyoborwa na Nyakubahwa Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo n'Umuco.

Ku murongo w'ibyigwa hariho :

- Gusoma no gukosora inyandikomvugo y'inama y'ubushize ;
- Kureba ibyakozwe mu cyumweru gishize ;
- Gahunda y'icyumweru ;
- Ibintu n'ibindi.

## GUSOMA NO GUKOSORA INYANDIKO MVUGO Y'INAMA YO KU WA 24/07/2000

Inyandikomvugo imaze gusomwa, basanze ibyanditswe mu nama y'ubushize ariko byavuzwe, inama irakomeza.

## IBYAKOZWE MU CYUMWERU CYO KU WA 24/07 - 29/07/2000

## UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO

- Inama n'urubyiruko rwa Remera yo kureba uko rwajya gusura urw'i Nyanza yarabaye; bakaba bazajyayo mu rwego rwo gukora « évaluation » y'ibyagezweho, hakazabera kandi n'imikino.
- Umushinga wo kurangiza ikigo cya Gabiro warakozwe, bakaba bari bakirimo kuwandika.
- Raporo ya UNICEF iracyakorwa, ariko ntirarangira neza.

## UBUYOBOZI BW'IMIKINO

- Mu rwego rwo gutegura « cross country », kubera ko ingengo y'imari USAID yari yateguye yabaye nto, batangiye ingendo muri amwe mu maperefegitura yakorerwamo. Naho ku bijyanye n'Ishuri rikuru rya Siporo, babonanye nabo muri ISP bahana gahunda yo kubonana iki cyumweru.

## UBUYOBOZI BW'UMUCO

- Ingengo y'imari y'imyaka itatu iri imbere yararangiye .

- Ku bijyanye n'ingendo zari ziteganijwe mu maperefegitura ya Kibungo na Gisenyi babasabye ko bavugana na ba perefe bakabibakurikiranira. Nyakubahwa Minisitiri yasabye kandi ko bakurikirana aho basabye inkunga bahereye ku BAHORANDI, OUA ndetse na Union Européenne.

- Ku birebana na Bisesero hashyizweho akanama k'abantu batandatu kari gafite inshingano zo kureba ibibazo rusange n'ibibazo byihariye muri Mémorial ndetse no kureba uko byakemuka, kakaba karavuze muri make imyanzuro yafashwe ikubiye muri raporo yohererejwe Abayobozi.

  Nyakubahwa Minisitiri yongeye kwibutsa ariko ko ikibazo kihutirwa ari ukureba uko bashyingura amagufwa yandagaye.

## INGORO Y'UMURAGE W'U RWANDA

- Igitaramo cyategurwaga kizaba tariki 05/08/2000 .
- Ingengo y'imari y'imyaka itatu iri imbere yarateguwe.

## BIBLIOTHEQUE NATIONALE

- Amahugurwa y'abakozi ba Bibliothèque Nationale yatangiye ku wa gatatu tariki 26/07/2000.

## ARCHIVES NATIONALES

- Gutegura amahugurwa bafatanije na Bibliothèque Nationale byarakozwe.
- Gutangira gukora ibarura ry'inyandiko babitse birakomeza.

## UBUYOBOZI BWO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE

- Ku kibazo cyavutse hagati y'aba Méthodiste na ADPR muri CFJ ya Tyazo banditse ibaruwa ,bakaba bagiye kubikurikirana.
- Gukurikirana kuvana ibikoresho bya F.P biri muri MAGERWA ntibyashobotse kuko abasanzwe babikora batabonetse.
- Gutegura ingengo y'imari y'imyaka itatu iri imbere byarakozwe.

## KAVUMU

- Bakurikiranye ishyirwa ry'umukono kuri « révision budgétaire ».

## UBUYOBOZI BW'IMIRIMO RUSANGE

- Ku bijyanye no gukurikirana amahugurwa y'abakozi babonanye n'abo muri KIST.

## COMMUNICATION

- Gukurikirana iby'urugendo rw'intumwa y'ubudage izaza gufatanya na cellure SDK, byarakozwe nan'ubu iyo ntumwa ikaba ikiri mu Rwanda.
- Bandikiye Reji y'Ibibuga by'indege ibaruwa isabira Abanyamakuru ba Minisiteri amakarita azajya abafasha kwinjira ku kibuga cy'indege.

## GAHUNDA Y'ICYUMWERU

## UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO

- Kwigisha mu ngando ya Gashora ;
- Kugirana ikiganiro n'abana baturutse mu Busuwisi ku bijyanye no kwirinda ibiyobyabwenge ;
- Gukomeza akazi k'imirimo yo kubaka kuri site ya Musenyi ;
- Gukomeza gutegura ingengo y'imari y'imyaka itatu iri imbere ;
- Gukorana inama n'intumwa y'Ubudage iri mu Rwanda.

## UBUYOBOZI BW'IMIKINO

- Gutegura inyandiko y'umushinga w'ishuri rya siporo no kuyiganiraho n'ishuri rya KIGALI INSTITUTE OF EDUCATION.
- Gutegura amategeko yihariye y'ishyirahamwe nyarwanda ry'imikino mu mashuri.
- Gutegura no gukorana inama na komite za Perefegitura (UMUTARA, KIBUYE na KIGALI-NGALI) zishinzwe imikino ku byerekeye cross yiswe (Courons pour la vie) .
- Gutegura inama izashyiraho ishyirahamwe rya siporo y'abari n'abategarugori.
- Kujya muri perefegitura UMUTARA na CYANGUGU kubonana n'abayobozi kugirango bavugane ibyerekeye iterambere rya siporo n'imyidagaduro.
- Gukurikirana iby'itegurwa rya expo 2000.

## UBUYOBOZI BW'UMUCO

- Gutegura « séminaire » kuri « trésors humains vivants ».
- Gukurikirana ibikorwa bya FESPAD.

## INGORO Y'UMURAGE W'U RWANDA

- Gukora igitaramo cya kinyarwanda ku wa gatandatu tariki 05/08/2000.

**BIBLIOTHEQUE NATIONALE**

- Gukomeza amahugurwa ku bakozi ba Bibliothèque Nationale.

**ARCHIVES NATIONALES**

- Gukomeza gutunganya inyandiko.

**UBUYOBOZI BWO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE**

- Kujya MUKINGO kugabanya imirima ikigo n'abaturage ;
- Kujya gusura ikigo cya Gacuriro n'icya Mpanda bari kumwe n'umuhuzabikorwa w'imishinga y'Abanyakanada ikorera mu Rwanda ;
- Gutangiza imirimo yo kubaka inzu y'imurikagurisha i RWAMAGANA..

**KAVUMU**

- Kwakira abanyeshuri batsinze ;
- Gukurikirana iby'amafaranga.

**UBUYOBOZI BW'IMIRIMO RUSANGE**

- Gushyira hamwe ibyakozwe mu ngengo y'imari muri buri buyobozi ;
- Gusubukura dosiye y'amahugurwa muri KIST.

**COMMUNICATION**

- Gukurikirana igitaramo cya Kinyarwanda muri Musée National.

**IBINTU N'IBINDI**

- Nyakubahwa Minisitiri yasabye abategura imikino ya SIDNEY ko bagabanya abaherekeza abakinnyi « les administratifs », bakanagabanya n'amafaranga basabaga y'impamba.
- Yongeye kwibutsa kandi ko imodoka za leta zigomba kurara kuri Minisiteri.

Inama yarangiye i saa tanu n'igice.

Umuyobozi w'inama

**Faransisiko NGARAMBE**
Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo n'Umuco

Umwanditsi w'inama

**Philibert RUTAGENGWA**
S/ Communication

**ABAJE MU NAMA**

| | |
|---|---|
| 1.RUTAGENWA Philibert | S/Communication |
| 2.RUTAZIBWA Bernardin | Folk. & Ballets |
| 3.NYANSHAYIJA David | Dir. Jeunesse |
| 4.RUDAHUNGA Gédéon | KAVUMU |
| 5.MUKANDOLI Diane | DAAF |
| 6.GASANA Vincent | Div. Adm.& suivi |
| 7.KUBWIMANA Gertrude | Sport scol. |
| 8.NDAGIJIMANA Epimaque | MIJESPOC |
| 9.KANAMUGIRE Louis | Mémorial |
| 10.MUDAKIKWA Jean Marie | SRA |
| 11.KANIMBA MISAGO | MNR |
| 12.KAYIJUKA Gaspard | AFP |
| 13.RUSIMBI John | Coop. des Jeunes |
| 14.MUKIMBIRI Jean | D.C.A |
| 15.BITWENGE Isaac | Etude &Plan. |
| 16.RUGAMBA Egide | D.S.G |
| 17.KIZALI Elias | Archives Nationales |
| 18.Col. MUSITU | Cabinet |
| 19.NGABOYISONGA Vincent | Div. Programme |
| 20.NSENGAH D.H | Div. Prod. |
| 21.HATEGEKIMANA Emmanuel | D.G.P |
| 22.RUTAYISIRE Alexis | CNJ |
| 23.NKUSI Léon Pierre | Div. Coop. Rég&Int. |
| 24.NDASHYIKIRWA Eugène | Camps de solid. Des Jeunes |
| 25.MUSEMAKWERI Jean | Santé des Jeunes |
| 26.MUBUMBYI André | Folk.& Ballets |
| 27.KABONEKA Francis | CNJ |
| 28.NSHIMAYEZU Israël | Infr.& équip. |
| 29.RWIGEMA Paterne | Dir. Sports |
| 30.RURANGIRWA Aoron | Div. Sport scol. |
| 31.NTIDENDEREZA William | DFP |

**ABATARAJE MU NAMA BAFITE IMPAMVU ZIZWI**

1.RWAGATARE Alphonse
2.SEKUBUMBA Séverin
3.BUTOTO Jean
4.BAYINGANA Bonfils
5.MUNYAZIKWIYE Théogène
6.SALLAM J.M.V
7.RUTAGWENDEKA Fidèle
8.RANGIRA Joseph
9.TWAGIRAYEZU Innocent